<p>1 ° kunganira Perezida no kumusimbura igihe adahari;</p> <p>2 ° gukora indi nshingano yose yasabwa n’Inama y’Ubuyobozi iri mu nshingano zayo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 17: Itumizwa n’iterana ry’inama y’Inama y’Ubuyobozi n’ifatwary’ibyemezo</u></b></p> <p>Inama y’Inama y’Ubuyobozi iterana rimwe mu gihembwe n’igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida cyangwa Visi Perezida wayo igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy’abayigize.</p> <p>Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y’Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n’itanu (15) ngo inama iterane.</p> <p>Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko mu gihe nibura kitari munsu y’iminsi itatu (3) kugira ngo iterane.</p> <p>Mu byigwa n’Inama y’Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy’umwaka, harimo kwemeza raporo y’imari n’iy’ibikorwa mu</p>	<p>1° to assist the Chairperson and replace him or her in case of absence;</p> <p>2° to perform any other duty falling within its responsibilities as may be assigned by the Board of Directors.</p> <p><b><u>Article 17: Convening and holding of meeting of the Board of Directors and modalities for decision-making</u></b></p> <p>The meeting of the Board of Directors is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or Deputy Chairperson in case of absence of its Chairperson, at their own initiative or upon request in writing by at least one third (1/3) of its members.</p> <p>The invitation is submitted in writing to members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held.</p> <p>However, an extraordinary meeting is convened in writing not less than three (3) days before the meeting is held.</p> <p>Items to be considered by the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and</p>	<p>1° assister le Président et le remplacer en cas d’absence;</p> <p>2° accomplir toute autre tâche relevant des attributions du Conseil d’Administration que ce dernier peut lui confier.</p> <p><b><u>Article 17: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d’Administration et modalités de prise de décisions</u></b></p> <p>La réunion du Conseil d’Administration se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d’absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres.</p> <p>L’invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d’Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.</p> <p>Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit trois (3) jours au moins avant la tenue de la réunion.</p> <p>Sur les points à examiner par le Conseil d’Administration au cours du premier trimestre, figure l’approbation du rapport</p>
--	---	--

<p>mwaka urangiye.</p> <p>Buri gihembwe Inama y'Ubuyobozi isuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye kandi ikazishyikiriza urwego rureberera Inteko y'Umuco.</p> <p>Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.</p> <p>Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri, iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.</p> <p>Intebe y'Inteko yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi.</p> <p>Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngenyamikorere y'Inteko y'Umuco.</p> <p><b><u>Ingingo ya 18: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi</u></b></p> <p>Inama y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora</p>	<p>activity reports of the previous year.</p> <p>Every quarter, the Board of Directors examines the financial and activity reports relating to the previous quarter and submits them to the supervising authority of Rwanda Cultural Heritage Academy.</p> <p>The quorum for a meeting of the Board of Directors is two thirds (2/3) of its members.</p> <p>However, when a meeting is convened for the second time, it takes place regardless of the number of members present.</p> <p>The Director General attends meetings of the Board of Directors.</p> <p>Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by internal rules and regulations of Rwanda Cultural Heritage Academy.</p> <p><b><u>Article 18: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors</u></b></p> <p>The Board of Directors may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.</p>	<p>financier et du rapport d'activités de l'année précédente.</p> <p>Chaque trimestre, le Conseil d'Administration examine le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les soumet à l'autorité de tutelle de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda</p> <p>Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres.</p> <p>Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre des membres présents.</p> <p>Le Directeur Général participe aux réunions du Conseil d'Administration.</p> <p>Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration sont déterminées par les règlements d'ordre intérieur de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda.</p> <p><b><u>Article 18: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration</u></b></p> <p>Le Conseil d'Administration peut inviter à sa réunion toute personne dont il peut obtenir des</p>
--	---	---

<p>kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibiyigwa.</p> <p>Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibiyigwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 19: Iyemezwa ry'ibyemezo n'iry'inandikomvugo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi</u></b></p> <p>Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi, ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikoherezwa urwego rureberera Inteko y'Umuco mu gihe kitarenze iminsi itanu (5).</p> <p>Umuyobozi w'urwego rureberera Inteko y'Umuco atanga ibitekerezo ku byemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva abishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo abivuzeho ibyo byemezo biba byemejwe burundu.</p> <p>Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi bayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inandikomvugo yoherezwa urwego rureberera Inteko</p>	<p>The invited person is not allowed either to vote or to follow debates on other items on the agenda.</p> <p><b><u>Article 19: Approval of resolutions and minutes of the meetings of the Board of Directors</u></b></p> <p>A document of resolutions of the meeting of the Board of Directors is signed by their members immediately after the end of the meeting, and a copy thereof is sent to the supervising authority of Rwanda Cultural Heritage Academy within five (5) days.</p> <p>The head of the supervising authority of Rwanda Cultural Heritage Academy gives his or her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within fifteen (15) days from receipt thereof. If this period expires before giving his or her views, those resolutions are considered definitively approved.</p> <p>The minutes of the meeting of the Board of Directors are signed by the Chairperson and the rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the supervising authority of Rwanda</p>	<p>conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour.</p> <p>La personne invitée n'est pas autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour.</p> <p><b><u>Article 19: Approbation des résolutions et procès-verbal des réunions du Conseil d'Administration</u></b></p> <p>Un document des résolutions du Conseil d'Administration est immédiatement signé par leurs membres après la séance de la réunion et leur copie est transmise à l'organe de tutelle de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda endéans cinq (5) jours.</p> <p>Le responsable de l'organe de tutelle de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda donne son avis sur les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration endéans quinze (15) jours à partir de leurs réceptions. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitives.</p> <p>Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé par le Président et le rapporteur et approuvé à la session suivante. Une copie du procès-verbal est transmise à l'organe de tutelle de l'Académie du</p>
---	---	---

<p>y'Umuko mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Umwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi</b></p> <p>Intebe y'Inteko ni yo mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi ariko igihe cyo gufata ibyemezo yo ntitora.</p> <p>Intebe y'Inteko ntiyitabira inama zifata ibyemezo ku bibazo biyireba. Icyo gihe abitabiriye inama y'Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa</b></p> <p>Iyo ugize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, amenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye.</p> <p>Ugize Inama y'Ubuyobozi wamenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.</p>	<p>Cultural Heritage Academy within fifteen (15) days from the date of approval.</p> <p><b><u>Article 20:</u> Rapporteur of the meeting of Board of Directors</b></p> <p>The Director General serves as the rapporteur of the meeting of the Board of Directors but he or she has no right to vote in decision making.</p> <p>The Director General does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him or her. In that case, members of the Board of Directors at the meeting elect among themselves a rapporteur.</p> <p><b><u>Article 21:</u> Personal interest in issues on the agenda</b></p> <p>A member of the Board of Directors who has a direct or indirect interest in the issue to be considered informs immediately the Board of Directors about where that interest lies.</p> <p>A member of the Board of Directors who disclosed his or her interest in the issue to be considered cannot attend the meeting deliberating on that issue.</p>	<p>Patrimoine Culturel du Rwanda endéans quinze (15) jours à compter de la date de son approbation.</p> <p><b><u>Article 20:</u> Rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration</b></p> <p>Le Directeur Général est le rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise des décisions.</p> <p>Le Directeur Général ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions qui le concernent. Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration à la réunion élisent parmi eux un rapporteur.</p> <p><b><u>Article 21:</u> Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour</b></p> <p>Un membre du Conseil d'Administration qui a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner informe immédiatement le Conseil d'Administration où cet intérêt repose.</p> <p>Le membre du Conseil d'Administration qui a révélé son intérêt dans un point à examiner ne peut pas participer à la réunion qui examine ce sujet.</p>
---	--	---



<p>Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bigomba gusuzumwa ku buryo bidashoboka kubifataho ibyemezo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mironko itatu (30).</p>	<p>When it happens that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues to be considered in such a way that it is impossible to take decision on the issues, the issues are submitted to the supervising authority to decide thereon within thirty (30) days.</p>	<p>Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans des points à examiner de sorte que la prise de décision sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis à l'organe de tutelle de pour décision endéans trente (30) jours.</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 2: Inama Nkuru y'Ururimi n'Umuco</u></b></p>	<p><b><u>Section 2: High Council of of Language and Cultural Academy</u></b></p>	<p><b><u>Section 2: Haut Conseil de l'Académie de la Langue et de la Culture</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 22: Inshingano z'Inama Nkuru y'Ururimi n'Umuco</u></b></p>	<p><b><u>Article 22: Responsibilities of the High Council of Language and Cultural Academy</u></b></p>	<p><b><u>Article 22: Attributions du Haut Conseil de l'Académie de la Langue et de la Culture</u></b></p>
<p>Inama Nkuru y'Ururimi n'Umuco ni urwego ngishwanama rufite inshingano z'ingenzi zikurikira:</p>	<p>The High Council of Language and Cultural Academy is an advisory organ that has the main following responsibilities:</p>	<p>Le Haut Conseil de l'Académie de la Langue et de la Culture est un organe consultatif ayant les attributions principales suivantes:</p>
<p>1° gutanga inama zigamije kurengera no guteza imbere umuco nyarwanda, umurage n'ururimi rw'Ikinyarwanda;</p> <p>2° gusesengura umuco n'amateka by'u Rwanda n'ururimi rw'Ikinyarwanda mu ngingo zabyo zose;</p> <p>3° gutanga inama ku buryo buboneye bwo kubika ibimenyetso by'umurage, amateka n'umuco by'u Rwanda;</p>	<p>1° to provide advice aiming at preserving and promoting the Rwandan culture, the heritage and the Ikinyarwanda language;</p> <p>2° to analyse the Rwandan culture and history and the Ikinyarwanda language in all facets;</p> <p>3° to advise on the appropriate methods for the conservation of symbols of the Rwandan heritage, history and</p>	<p>1° donner le conseil visant la promotion et la conservation de la culture rwandaise, du patrimoine et de la langue d'Ikinyarwanda;</p> <p>2° analyser la culture et l'histoire du Rwanda et la langue d'Ikinyarwanda dans toutes les facettes;</p> <p>3° conseiller sur les méthodes appropriées pour la conservation des symboles du patrimoine, de l'histoire et de la culture</p>

<p>4° gushima ibikorwa by'ikirenga mu rwego rw'umuco, umurage, amateka n'ururimi rw'Ikinyarwanda;</p> <p>5° gutanga inama mu byerekeye umuco w'u Rwanda, umurage, amateka n'ururimi rw'Ikinyarwanda;</p> <p>6° kugira uruhare mu ishyirwaho rya politiki y'imikoreshereze y'indimi zikoreshwa mu Rwanda no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;</p> <p>7° gutegura amahame shingiro y'umuco w'u Rwanda akwiye kuba isoko n'inkingi by'amajyambere arambye;</p> <p>8° gutegura indangagaciro z'umuco nyarwanda no kugaragaza uruhare rwazo mu bumenyi n'imyitwarire bibereye umunyarwanda;</p> <p>9° guharanira ko umuco w'u Rwanda uhorana agaciro ukwiye mu burezi n'uburere by'umuryango nyarwanda muri rusange no mu by'urubyiruko by'umwihariko;</p>	<p>culture;</p> <p>4° to recognise remarkable achievements in the domain of the Rwandan culture, heritage, history and Ikinyarwanda language;</p> <p>5° to provide advice on Rwandan culture, heritage, history and the Ikinyarwanda language;</p> <p>6° to contribute in designing the policy of the use of the languages used in Rwanda and to ensure their implementation;</p> <p>7° to prepare fundamental principles of the Rwandan culture which should be the source and pillar of sustainable development;</p> <p>8° to prepare Rwandan cultural standards and values and show their role in proper knowledge and behaviour for a Rwandan;</p> <p>9° to ensure that Rwandan culture maintains its true value in the upbringing and the education of Rwandan society in general and of youth in particular;</p>	<p>du Rwanda;</p> <p>4° reconnaître les réalisations remarquables dans le domaine de la culture, du patrimoine, de l'histoire et de la langue d'Ikinyarwanda;</p> <p>5° donner des conseils sur la culture du Rwanda, le patrimoine, l'histoire et la langue d'Ikinyarwanda;</p> <p>6° contribuer à la conception de politique en matière d'usage des langues utilisées au Rwanda et faire le suivi de sa mise en œuvre;</p> <p>7° préparer les principes fondamentaux de la culture du Rwanda devant être le pilier et la source du développement durable;</p> <p>8° préparer les normes et valeurs de la culture rwandaise et identifier leur rôle dans la connaissance et le comportement propres à un Rwandais;</p> <p>9° veiller à ce que la culture du Rwanda maintienne sa véritable valeur dans l'éducation et l'enseignement de la société rwandaise en général et de la jeunesse en particulier;</p>
---	--	--

<p>10° kurengera ubusugire bw'umuco w'u Rwanda mu ruhando rw'imico y'ahandi;</p>	<p>10° to safeguard the integrity of the Rwandan culture in the concert with other foreign cultures;</p>	<p>10° sauvegarder l'intégrité de la culture du Rwanda dans le concert des cultures étrangères;</p>
<p>11° kugena indangagaciro zerekeye ubushakashatsi mu nzego zose z'ubugeni, ubuhanzi n'ubuvanganzo;</p>	<p>11° to determine the standards relating to research in all crafts, artistic creation and literature levels;</p>	<p>11° déterminer les normes relatives à la recherche dans tous les domaines d'artisanats, de la création artistique et de littérature;</p>
<p>12° gukungahaza ururimi rw'Ikinyarwanda ku buryo gikoreshwa mu bumenyi bw'ingeri zose;</p>	<p>12° to enrich the Ikinyarwanda language for its use in all areas of knowledge;</p>	<p>12° enrichir la langue d'Ikinyarwanda en vue de son usage dans tous les domaines de connaissance;</p>
<p>13° kugaragaza imiterere, kuboneza no kurengera ururimi rw'Ikinyarwanda mu mvugo, mu myandikire no mu yindi mikoreshereze itandukanye;</p>	<p>13° to identify the structure of the Ikinyarwanda language, ensure and promote its integrity in its oral and writing aspects and other various usages;</p>	<p>13° identifier la structure de la langue d'Ikinyarwanda, assurer et sauvegarder son intégrité à l'oral, à l'écrit et dans d'autres formes d'usage;</p>
<p>14° kurinda ko indimi shami z'Ikinyarwanda zikoreshwa mu Rwanda zazimira;</p>	<p>14° to prevent the disappearance of dialects of Ikinyarwanda language used in the Rwanda;</p>	<p>14° prévenir la disparition des dialectes de la langue d'Ikinyarwanda en usage au Rwanda;</p>
<p>15° gutanga inama ku bikorwa by'ubushakashatsi bijyanye n'umuco w'u Rwanda, umurage, amateka n'uririmi rw'Ikinyarwanda;</p>	<p>15° to advise on activities relating to research on Rwandan culture, the heritage, the history and the Ikinyarwanda language;</p>	<p>15° conseiller sur les activités relatives à la recherche sur la culture du Rwanda, le patrimoine, l'histoire et la langue d'Ikinyarwanda;</p>
<p>16° gutanga inama ku buryo bwo kwakira no kwikuraho umutungo ugizwe n'ibintu biranga umurage ndagamuco.</p>	<p>16° to advise on modalities for reception and removal of property made of cultural heritage.</p>	<p>16° conseiller sur les modalités de réception et de retrait de la propriété constituée du patrimoine culturel.</p>

<b>Ingingo ya 23: Abagize Inama Nkuru y'Ururimi n'Umuco na manda yabo</b>	<b>Article 23: Composition of the High Council of Language and Cultural Academy and term of office of its members</b>	<b>Article 23: Composition du Haut Conseil de l'Académie de la Langue et de la Culture et le mandat de ses membres</b>
<p>Inama Nkuru y'Ururimi n'Umuco igizwe n'abantu cumi na batanu (15) bitwa Intiti. Bagira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe.</p>	<p>The High Council of Language and Cultural Academy is composed of fifteen (15) members called Academicians. They have a term of office of five (5) years renewable once.</p>	<p>Le Haut Conseil de l'Académie de la Langue et de la Culture est composé de quinze (15) membres appelés les Académiciens. Ils ont un mandat de cinq (5) ans renouvelable une fois.</p>
<p>Intiti zishyirwaho mu buryo bumwe nk'ubw'abagize Inama y'Ubuyobozi.</p>	<p>Academicians are appointed in the same way as of members of the Board of Directors.</p>	<p>Les Académiciens sont nommés dans la même façon que les membres du Conseil d'Administration.</p>
<p>Umuyobozi Inama Nkuru y'Ururimi n'Umuco yitwa Umutware w'Intiti.</p>	<p>The President of the High Council of Language and Cultural Academy is called President of Academicians.</p>	<p>Le Président du Haut Conseil de l'Académie de la Langue et de la Culture est appelé Président des Académiciens.</p>
<p>Inama Nkuru y'Ururimi n'Umuco iterana nibura inshuro eshatu (3) mu mwaka n'ikindi gihe bibaye ngombwa, itumijwe n'Umutware w'Intiti.</p>	<p>The meeting of the High Council of Language and Cultural Academy is held at least three (3) times a year and whenever considered necessary, upon invitation by the President of the Academicians.</p>	<p>La réunion du Haut Conseil de l'Académie de la Langue et de la Culture se tient au moins trois (3) fois par an et chaque fois que de besoin, sur convocation du Président des Académiciens.</p>
<p>Inama Nkuru y'Ururimi n'Umuco ishyira Intiti muri komite enye (4) ku buryo bukurikira:</p>	<p>The High Council of Language and Cultural Academy puts the Academicians into four (4) committees as follows:</p>	<p>Le Haut Conseil de l'Académie de la Langue et de la Culture met les Académiciens en quatre (4) comités comme suit:</p>
<p>1° umuco n'indangaciro;</p> <p>2° ururimi rw'Ikinyarwanda;</p>	<p>1° culture and cultural values;</p> <p>2° Ikinyarwanda language;</p>	<p>1° la culture et valeurs culturelles;</p> <p>2° la langue d'Ikinyarwanda;</p>

<p>3° umurage n'amateka;</p> <p>4° inganda ndangamuco n'ubukerarugendo bushingiye ku mucu.</p> <p>Komite z'Intiti ziterana nibura inshuro enye (4) mu mwaka cyangwa igihe cyose bibaye ngombwa zitumijwe n'umuyobozi wa komite.</p> <p><b><u>Ingingo ya 24: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe Intiti</u></b></p> <p>Kugira ngo umuntu abe Intiti agomba kuba:</p> <p>1° ari Umunyarwanda;</p> <p>2° arangwa n'ubupfura;</p> <p>3° ari impuguke mu byerekeye umuco, umurage, amateka cyangwa ururimi;</p> <p>4° atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;</p> <p>5° atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa</p>	<p>3° heritage and history;</p> <p>4° cultural and creative industries and cultural tourism.</p> <p>The meetings of committees of Academicians are held at least four (4) times a year and whenever necessary, upon invitation by the President of the group.</p> <p><b><u>Article 24: Requirements for being Academician</u></b></p> <p>For a person to be an academician, he or she is required to:</p> <p>1° be a Rwandan by nationality;</p> <p>2° be characterised by probity;</p> <p>3° be an expert in matters relating to culture, heritage, history or language;</p> <p>4° not to have been deprived of civil and political rights by court decision;</p> <p>5° not to have been definitively sentenced to a term of imprisonment</p>	<p>3° le patrimoine et histoire;</p> <p>4° industries culturelles et créatives et tourisme culturel.</p> <p>Les réunions des comités des Académiciens se tiennent au moins quatre (4) fois par an et chaque fois que de besoin, sur convocation du Président du groupe.</p> <p><b><u>Article 24: Conditions requises pour être Académicien</u></b></p> <p>Pour être Académicien, une personne doit:</p> <p>1° être de nationalité rwandaise;</p> <p>2° être caractérisé par la probité;</p> <p>3° être expert dans le domaine de la culture, patrimoine, histoire ou de la langue;</p> <p>4° ne pas avoir été déchu des droits civils et politiques par une décision judiciaire;</p> <p>5° ne pas avoir été définitivement condamné à une peine</p>
--	--	---

<p>kirengeje amezi atandatu (6) nta subika gihano;</p> <p>6° adakurikiranyweho icyaha cya jenocide cyangwa ingengabitekerezo ya jenocide.</p> <p><b><u>Ingingo ya 25: Impamvu zituma ugize Inama Nkuru y’Ururimi n’Umuco ava muri uwo mwanya n’uko asimburwa</u></b></p> <p>Ugize Inama Nkuru y’Ururimi n’Umuco ava kuri uwo mwanya iyo:</p> <p>1° manda irangiye;</p> <p>2° yeguye akoresheje inyandiko;</p> <p>3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera uburwayi cyangwa ubumuga;</p> <p>4° akatiwe burundu igihano cy’igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);</p> <p>5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite</p>	<p>equal to or exceeding six (6) months without suspension of sentence;</p> <p>6° be free from prosecution for the crime of genocide or genocide ideology.</p> <p><b><u>Article 25: Reasons for loss of membership High Council of Language and Cultural Academy and modalities for replacement</u></b></p> <p>A member of High Council of Language and Cultural Academy loses membership when:</p> <p>1° the term of office expires;</p> <p>2° he or she resigns in writing;</p> <p>3° he or she is no longer able to perform his or her duties due to illness or disability;</p> <p>4° he or she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months in a final judgement;</p> <p>5° he or she is absent in meetings for three (3) consecutive times without</p>	<p>d’emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;</p> <p>6° ne pas faire l’objet de poursuites judiciaires pour un crime du génocide ou d’idéologie du génocide.</p> <p><b><u>Article 25: Causes de perte de la qualité de membre au Haut Conseil de l’Académie de la Langue et de la Culture et les modalités de remplacement</u></b></p> <p>Un membre du Haut Conseil de l’Académie de la Langue et de la Culture cesse d’être membre lorsque:</p> <p>1° son mandat expire;</p> <p>2° il démissionne par écrit;</p> <p>3° il n’est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause de maladie ou d’handicap;</p> <p>4° il est définitivement condamné à une peine d’emprisonnement égale ou supérieure à six (6);</p> <p>5° il s’absente dans les réunions trois (3) fois consécutives sans</p>
--	--	--

<p>ishingiro;</p> <p>6° agaragaje imyitwarire iyo ari yo yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;</p> <p>7° abangamira inyungu z’Inteko y’Umuco;</p> <p>8° ahamwe n’icyaha cya jenocide cyangwa icyaha cy’ingengabitekerezo ya jenocide;</p> <p>9° atacyujuje impamvu zashingiweho ashirwa muri uwo mwanya;</p> <p>10° apfuye.</p> <p>Iyo umwe mu bagize Inama Nkuru y’Ururimi n’Umuco avuye mu mirimo ye mbere y’uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza iyo manda y’uwo asimbuye.</p>	<p>valid reasons;</p> <p>6° he or she manifests any behaviour likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or his or her position;</p> <p>7° he or she jeopardises the interests of the Rwanda Cultural Heritage Academy;</p> <p>8° he or she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology;</p> <p>9° he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment;</p> <p>10° he or she dies.</p> <p>In case a member of High Council of Language and Cultural Academy leaves his or her duties before the expiration of his or her term of office, the competent authority appoints his or her substitute to complete his or her predecessor’s term of office.</p>	<p>motifs valables;</p> <p>6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou de son rang;</p> <p>7° il compromet les intérêts de l’Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda;</p> <p>8° il est reconnu coupable de crime de génocide ou d’idéologie du génocide;</p> <p>9° il ne remplit plus les conditions sur base desquelles il avait été nommé;</p> <p>10° il décède.</p> <p>Lorsqu’un membre du Haut Conseil de l’Académie de la Langue et de la Culture perd la qualité de membre avant l’expiration de son mandat, l’autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur.</p>
---	---	--

<b><u>Icyiciro cya 3: Urwego Nshingwabikorwa</u></b>	<b><u>Section 3: Executive Organ</u></b>	<b><u>Section 3: Organe Exécutif</u></b>
<b><u>Ingingo ya 26: Abagize Urwego Nshingwabikorwa</u></b>	<b><u>Article 26: Composition of Executive Organ</u></b>	<b><u>Article 26: Composition de l'Organe Exécutif</u></b>
Urwego Nshingwabikorwa rw'Inteko y'Umuco rugizwe n'Intebe y'Inteko. Rushobora kandi kugira n'Intebe y'Inteko Yungirije.	The Executive Organ of the Rwanda Cultural Heritage Academy is comprised of the Director General. It may also have a Deputy Director General.	L'Organe Exécutif de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda est composé du Directeur Général. Il peut également avoir un Directeur Général Adjoint.
<b><u>Ingingo ya 27: Inshingano z'inyongera z'Urwego Nshingwabikorwa</u></b>	<b><u>Article 27: Additional responsibilities of the Executive Organ</u></b>	<b><u>Article 27: Attributions additionnelles de l'Organe Exécutif</u></b>
Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko nenga rigena amategeko rusange agenga ibigo bya Leta, Urwego Nshingwabikorwa rw'Inteko y'Umuco rufite inshingano z'inyongera zikurikira :	Subject to the provisions of the Organic Law establishing general provisions governing public institutions, the Board of Directors of the Rwanda Cultural Heritage Academy has the following additional responsibilities:	Sous réserve des dispositions de la Loi Organique portant dispositions générales régissant les établissements publics, le Conseil d'Administration de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda a des attributions additionnelles suivantes
1° gukurikirana no guhuza ibikorwa bya buri muni by'Inteko y'Umuco;	1° to monitor and coordinate daily activities of Rwanda Cultural Heritage Academy;	1° assurer le suivi et coordonner les activités quotidiennes de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda;
2° gushyira mu bikorwa indi nshingano rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi.	2° to perform any other duty as may be assigned by the Board of Directors.	2° accomplir toute autre tâche que le Conseil d'Administration peut lui confier.
<b><u>Ingingo ya 28: Ububasha n'inshingano by'Intebe y'Inteko</u></b>	<b><u>Article 28: Powers and duties of the Director General</u></b>	<b><u>Article 28: Pouvoirs et attributions du Directeur Général</u></b>
Intebe y'Inteko ifite ububasha bwo gufata	The Director General has the power of	Le Directeur Général dispose du pouvoir de la



<p>ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo ikurikije amategeko abigenga. Ihuza kandi ikayobora ibikorwa.</p>	<p>decision making in the administrative and financial management in accordance with relevant laws. He or she coordinates and directs the activities.</p>	<p>prise des décisions dans la gestion administrative et financière conformément à la législation en la matière. Il coordonne et dirige les activités.</p>
<p>By'umwihariko, Intebe y'Inteko ishinzwe ibi bikurikira:</p>	<p>Specifically, the Director General has the following duties:</p>	<p>En particulier, le Directeur Général a les attributions suivantes:</p>
<p>1° gukurikirana imikorere ya buri muni y'Inteko y'Umuco, imicungire y'abakozi n'imikoreshereje y'ingengo y'imari;</p>	<p>1° to make a follow-up on the daily activities of the Rwanda Cultural Heritage Academy, human resources management and the use of the budget;</p>	<p>1° assurer le suivi des activités quotidiennes de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda, de la gestion des ressources humaines et de l'utilisation du budget;</p>
<p>2° guhagararira Inteko y'Umuco imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo;</p>	<p>2° to serve as the legal representative of Rwanda Cultural Heritage Academy and publicise its activities;</p>	<p>2° être le représentant légal de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda et faire connaître ses activités;</p>
<p>3° kuba umuvugizi w'Inteko y'Umuco;</p>	<p>3° to serve as the spokesperson of Rwanda Cultural Heritage Academy;</p>	<p>3° servir de porte-parole de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda;</p>
<p>4° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi;</p>	<p>4° to implement resolutions of the Board of Directors;</p>	<p>4° mettre en œuvre les résolutions du Conseil d'Administration;</p>
<p>5° gucunga ibikoresho n'umutungo no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi;</p>	<p>5° to ensure the management of equipment and property and submit related report to the Board of Directors;</p>	<p>5° assurer la gestion des équipements et du patrimoine et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration;</p>
<p>6° gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa;</p>	<p>6° to prepare the action plan and activity report;</p>	<p>6° élaborer le plan et le rapport d'activités;</p>

<p>7° gutegura umushinga w'amategeko ngenyamikorere y'Inteko y'Umuco;</p> <p>8° gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari bigashyikirizwa Inama y'Ubuyobozi;</p> <p>9° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo;</p> <p>10° kwitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi no kuba umwanditsi wazo;</p> <p>11° gukora indi nshingano yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano ze.</p>	<p>7° to prepare the draft internal rules and regulations of Rwanda Cultural Heritage Academy;</p> <p>8° to prepare the draft action plan and draft budget proposal and submit them to the Board of Directors;</p> <p>9° to ensure the execution of the budget and management of the property;</p> <p>10° to attend meetings of the Board of Directors and act as rapporteur;</p> <p>11° to perform other duties falling within his or her responsibilities as may be assigned to him or her by the Board of Directors.</p>	<p>7° élaborer le projet de règlement d'ordre intérieur de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda;</p> <p>8° préparer le projet de plan d'actions et l'avant-projet de budget pour leur transmission au Conseil d'Administration;</p> <p>9° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine;</p> <p>10° participer aux réunions du Conseil d'Administration et servir de rapporteur;</p> <p>11° effectuer toute autre tâche relevant de ses attributions que le Conseil d'Administration peut lui confier.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 29: Umutungo n'inkomoko yawo</u></b></p>	<p><b><u>Article 29: Property and its sources</u></b></p>	<p><b><u>Article 29: Patrimoine et ses sources</u></b></p>
<p>Umutungo w'Inteko y'Umuco ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.</p>	<p>The property of Rwanda Cultural Heritage Academy is comprised of movable and immovable assets.</p>	<p>Le patrimoine de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda est composé de biens meubles et immeubles.</p>

<p>Umutungo w'Inteko y'Umuco ukomoka kuri ibi bikurikira:</p> <p>1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;</p> <p>2° umutungo wari uw'Ikigo cy'Ingoro z'Umurage w'u Rwanda, uwari uw'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco n'umutungo wari uw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ishyiruranyandiko na Serivisi z'Inkoranyabitabo;</p> <p>3° inkunga za Leta n'iz'abafatanyabikorwa mu iterambere;</p> <p>4° ibituruka ku mirimo ikora;</p> <p>5° inyungu z'ibikomoka ku mutungo wayo;</p> <p>6° inguzanyo zihabwa Inteko y'Umuco zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano;</p> <p>7° impano n'indangano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 30: Ingingo y'imari</u></b></p> <p>Inteko y'Umuco itegura ingengo y'imari yayo</p>	<p>The property of the Rwanda Cultural Heritage Academy comes from the following sources:</p> <p>1° State budget allocations;</p> <p>2° property of former Institute of National Museums of Rwanda, Rwanda Academy of Language and Culture and Rwanda Archives and Library Services Authority;</p> <p>3° State and development partners' subsidies;</p> <p>4° income from services rendered;</p> <p>5° interests from its property;</p> <p>6° loans granted to the Rwanda Cultural Heritage Academy as approved by the Minister in charge of finance;</p> <p>7° donations and bequests.</p> <p><b><u>Article 30: Budget</u></b></p> <p>The Rwanda Cultural Heritage Academy</p>	<p>Le patrimoine de l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda provient des sources suivantes:</p> <p>1° les allocations budgétaires de l'État;</p> <p>2° le patrimoine de l'ancien Institut des Musées Nationaux du Rwanda, de l'ancienne Académie Rwandaise de Langue et de Culture et celui de l'ancien Office Rwandais d'Archives et Services de Bibliothèques;</p> <p>3° les subventions de l'État et des partenaires du développement;</p> <p>4° les revenus des services prestés;</p> <p>5° les intérêts de son patrimoine;</p> <p>6° les prêts accordés à l'Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;</p> <p>7° les dons et legs.</p> <p><b><u>Article 30: Budget</u></b></p> <p>L'Académie du Patrimoine Culturel du</p>
--	---	--

<p>ya buri mwaka, yemezwa n’urwego rubifitiye ububasha.</p> <p><b><u>Ingingo ya 31: Imikoreshereze, imicungire n’imigenzurire by’umutungo w’Inteko y’Umuco</u></b></p> <p>Imikoreshereze, imicungire n’imigenzurire by’umutungo w’Inteko n’Umuco bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsu ry’imikoreshereze y’umutungo buha raporo Inama y’Ubuyobozi bukagenera kopi Intebe y’Intebe.</p> <p>Urwego rw’Ubugenzuzi Bukuru bw’Imari ya Leta rugenzura imicungire n’imikoreshereze by’imari n’umutungo by’Inteko y’Umuco.</p> <p><b><u>Ingingo ya 32: Raporo y’umwaka w’ibaruramari</u></b></p> <p>Mu mezi atatu (3) akurikira impera z’umwaka w’ibaruramari, Intebe y’Inteko ishyikiriza urwego rureberera Inteko y’Umuco raporo y’umwaka w’ibaruramari, imaze kwemezwa n’Inama y’Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y’imari</p>	<p>prepares its annual budget to be adopted by the relevant authority.</p> <p><b><u>Article 31: Use, management and audit of the property of the Rwanda Cultural Heritage Academy</u></b></p> <p>The use, management and audit of the property of Rwanda Cultural Heritage Academy are carried out in accordance with relevant laws.</p> <p>The internal audit service submits its report to the Board of Directors and gives a copy to the Director General.</p> <p>The Office of the Auditor General of State Finances carries out audit of the management and use of the finance and property of Rwanda Cultural Heritage Academy.</p> <p><b><u>Article 32: Annual financial report</u></b></p> <p>Within three (3) months following the closure of the financial year, the Director General submits the annual financial statements to the supervising authority of Rwanda Cultural Heritage Academy after their approval by the Board of Directors in accordance with laws</p>	<p>Rwanda prépare son budget annuel qui est approuvé par l’autorité compétente.</p> <p><b><u>Article 31: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de l’Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda</u></b></p> <p>L’utilisation, la gestion et l’audit du patrimoine de l’Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda sont menés conformément à la législation en la matière.</p> <p>Le service d’audit interne transmet son rapport au Conseil d’Administration et en réserve une copie au Directeur Général.</p> <p>L’Office de l’Auditeur Général des Finances de l’État effectue l’audit de la gestion et de l’utilisation des finances et du patrimoine de l’Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda.</p> <p><b><u>Article 32: Rapport annuel des états financiers</u></b></p> <p>Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l’exercice financier, le Directeur Général soumet à l’organe de tutelle de l’Académie du Patrimoine Culturel du Rwanda le rapport annuel des états financiers après son approbation par le Conseil d’Administration</p>
--	---	---

<p>n'umutungo bya Leta.</p> <p><b><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 33: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></b></p> <p>Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p> <p><b><u>Ingingo ya 34: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></b></p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 35: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>governing management of State finance and property.</p> <p><b><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 33: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></b></p> <p>The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><b><u>Article 34: Repealing provision</u></b></p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><b><u>Article 35: Commencement</u></b></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>conformément aux lois régissant les finances et le patrimoine de l'État.</p> <p><b><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u></b></p> <p><b><u>Article 33: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u></b></p> <p>Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p> <p><b><u>Article 34: Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>Toutes les dispositions antérieures et contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><b><u>Article 35: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	---

Kigali, on 28/08/2020

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice/Attorney General  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux